ITEKA RYA MINISITIRI N°03/Mifotra/15 RYO KU WA 09/06/2015 RIGENA UBURYO BWO GUSHAKA NO GUSHYIRA MU MYANYA ABAKOZI BAGENGWA N'AMASEZERANO MU NZEGO Z'IMIRIMO YA LETA

MINISTERIAL ORDER N°03/Mifotra/15 OF 09/06/2015 DETERMINING MODALITIES FOR RECRUITING CONTRACTUAL STAFF IN PUBLIC SERVICE

ARRETE MINISTERIEL N°03/Mifotra/15 DU 09/06/2015 DETERMINANT LES MODALITES DE RECRUTEMENT DES AGENTS SOUS CONTRAT DANS LA FONCTION PUBLIQUE

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2:Ibigenderwaho mu gushaka abakozi bagengwa n'amasezerano mu Butegetsi bwa Leta

Ingingo ya 3:Uruhushya rwo gushaka abakozi bagengwa n'amasezerano mu butegetsi bwa Leta

Ingingo ya 4: Ibigize inyandiko isaba uruhushya

Ingingo ya 5: Inzira yo gushaka umukozi ugengwa n'amasezerano

Ingingo ya 6: Amasezerano y'akazi

Ingingo ya 7: Umushahara w'umukozi ugengwa n'amasezerano y'akazi

Ingingo 8: Ivanwaho ry'Ingingo zinyuranye n'iri teka

Ingingo ya 9: Igihe Iteka ritangira

TABLE OF CONTENTS

Article One: Purpose of this Order

Article 2:Conditions for recruiting contractual staff in public service

Article 3:Authorizationfor recruiting a contractual staff in public service

Article 4: Content of the file requesting for authorization

Article 5: Procedure for recruiting a contractual staff

Article 6: Employment contract

Article 7: Salary of contractual staff

Article 8: Repealing provision

Article 9: Commencement

TABLE DES MATIERES

Article premier : Objet du présent arrêté

Article 2:Conditions pour recruter des agents de l'Etat sous contrat dans la fonction publique

Article 3:Autorisation pour recruter des agents de l'Etat sous contrat dans la fonction publique

Article 4: Contenu du dossier demandant l'autorisation

Article 5: Procédure de recruter un agent contractuel

Article 6 : Contrat de travail

Article 7 : Salaire d'un agent contractuel

Article 8: Disposition abrogatoire

Article 9: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°03/Mifotra/15 RYO KU WA 09/06/2015 RIGENA UBURYO BWO GUSHAKA NO GUSHYIRA MU MYANYA ABAKOZI BAGENGWA N'AMASEZERANO MU NZEGO Z'IMIRIMO YA LETA

Minisitiri;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 121, n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/04/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uburyo bwo gushaka no gushyira mu myanya abakozi bagengwa n'amasezerano mu nzego z'imirimo ya Leta.

<u>Ingingo ya 2</u>: Ibigenderwaho mu gushaka abakozi bagengwa n'amasezerano mu Butegetsi bwa Leta

Urwego rwa Leta rushobora gushaka Umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano igihe hari

MINISTERIAL ORDER N°03/Mifotra/15 OF 09/06/2015 DETERMINING MODALITIES FOR RECRUITING CONTRACTUAL STAFF IN PUBLIC SERVICE

The Minister;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 119, 121 and 201;

Pursuant to Law nº 86/2013 of 11/09/2013 on the general statutes for public service, especially in Article 9;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/04/2015;

HEREBY ORDERS:

<u>Article One</u>: Purpose of this Order

This Order determines modalities for recruiting contractual staff in public service.

<u>Article 2</u>: Conditions for recruiting contractual staff in public service

A public institution may recruit a contractual staff if one of the following condition is met:

ARRETE MINISTERIEL N°03/Mifotra/15 DU 09/06/2015 DETERMINANT LES MODALITES DE RECRUTEMENT DES AGENTS SOUS CONTRAT DANS LA FONCTION PUBLIQUE

Le Ministre;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 119, 121 et 201;

Vu la Loi n° 86/2013du11/09/2013 portant statut général de la fonction publique Rwandaise, spécialement en son article 9 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/04/2015;

ARRETE:

<u>Article premier</u> : Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les modalités de recrutement des agents sous contrat dans la fonction publique.

<u>Article 2</u>: Conditions pour recruter des agents de l'Etat sous contrat dans la fonction publique

Une institution publique peut recruter un contractuel si et seulement si l'une des conditions

imwe mu mpamvu zikurikira:

1° mu gihe umukozi ushakwa asimbura umukozi wa Leta udahari kandi akaba azamara igihe kingana cyangwa kirenga amezi atandatu (6), kubera impamvu ziteganywa n'amategeko;

2° mu gihe hashakwa abakozi bateganijwe mu mbonerahamwe y'imirimo yemejwe y'ishami rishinzwe Imishinga ya Leta;

3° mu gihe hari impamvu ifatika ituma hakenerwa umukozi ukora imirimo yihutirwa ariko idateganyijwe mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo;

4° mu gihe hashakwa umukozi ukora imirimo idafitiwe abahanga bahagije kandi bakenewe cyane ku isoko ry'umurimo.

<u>Ingingo ya 3</u>:Uruhushya rwo gushaka abakozi bagengwa n'amasezerano mu butegetsi bwa Leta

Urwego rwa Leta rushaka Umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano kubera impamvu zivugwa mu gace ka 3° cyangwa aka 4° k'ingingo ya 3,mbere yo kumushaka kibanza kubisabira uruhushya rwanditse rutangwa na Minisiteri ifite Abakozi ba Leta mu nshingano zayo.

Iyo urwego rwa Leta rushaka Umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano kubera impamvu

1° in case of replacing of a public servant who is absent for a period equal to or exceeding six (6) months, due to reasons provided for by the law;

2° in case of recruitment of staff whose posts are provided for by the approved organizational structure of a Single Projects Implementation Unit;

3° in case of sound reasons requiring to carry out urgent duties which are not determined in jobs on the organizational structure;

4° in case of recruitment for a job position requiring rare and specialized skills on the labor market.

<u>Article 3</u>:Authorization for recruiting a contractual staff in public service

A public institution requiring a contractual staff for reasons provided for under point 3° or 4° of Article 3, shall seek prior written authorization from the Ministry responsible for public service.

If a public institution requires a contractual staff for reasons provided for under point 1° or 2°of

suivantes est remplie :

1° en cas de remplacement d'un agent de l'Etat absent au travail pour une période égale ou supérieure à (6) six mois des raisons prévues par la loi;

2° en cas de recrutement des agents dont les postes sont prévus sur la structure organisationnelle approuvée de l'Unité des Projets du Gouvernement ;

3° en cas de raisons fondées exigeant la prestation urgente des services qui ne sont pas prévus par la structure organisationnelle ;

4° en cas de recrutement pour un emploi exigeant des compétences rares et spécialisées sur le marché du travail.

<u>Article 3</u>:Autorisation pour recruter des agents de l'Etat sous contrat dans la fonction publique

Une institution publique qui a besoin de recruter un contractuel pour des raisons prévues au point 3° ou 4° de l'article 3, doit d'abord en obtenir l'autorisation écrite du Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions.

Lorsqu'une institution publique a besoin d'un agent contractuel pour des raisons prévues au

zivugwa mu gace ka 1°cyangwa aka 2° k'ingingo ya 3, ntirwirirwa rubisabira uruhushya ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 4:Ibigize inyandiko isaba uruhushya

Inyandiko isaba uburenganzira bwo gushaka Umukozi ugengwa n'amasezeno igomba kugaragaza ibi bikurikira:

1° impamvu umukozi ugengwa n'amasezerano akenewe;

2° inshingano z'umwanya uwo mukozi ugengwa n'amasezerano azakora;

3° igihe giteganywa amasezerano azamara;

4° umushahara n'ibindi bizagenerwa uwo umukozi ugengwa n'amasezerano, iyo bihari.

Ingingo ya 5:Inzira yo gushaka umukozi ugengwa n'amasezerano

Urwego rwa Leta rukeneye umukozi ugengwa n'amasezerano kandi rubifitiye uruhushya rumushaka rwifashishije inzira yo gushaka abakozi iteganywa n'Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gushaka no gushyira abakozi ba Leta mu myanya.

Article 3, it shall recruit without seeking authorization referred to under the Paragraph One of this Article.

Article 4: Content of the file requesting for authorization

The file requesting for authorization for recruitment must indicate the following:

1° justification for the need of a contractual staff;

2° job description of the post to be occupied by the contractual staff;

3° duration of employment contract;

4° salary and, if applicable, fringe benefits to be provided for the contractual staff.

Article 5: Procedure for recruiting a contractual staff

A public institution requiring a contractual staff and that has authorization to recruit shall recruit a contractual staff in accordance with the procedure set forth by the Presidential Order determining modalities for the recruitment, appointment and nomination of public servants.

point 1° ou 2° de l'article 3, il le fait sans demander l'autorisation mentionnée à aliéna premier du présent article.

Article 4: Contenu du dossier demandant l'autorisation

Le dossier demandant l'autorisation de recruter un agent contractuel doit indiquer ce qui suit :

1° la justification de recruter un agent contractuel;

2° la description du poste de travail à occuper par cet agent contractuel;

3° la durée du contrat;

4° le salaire et, si applicable les autres avantages à allouer à cet agent contractuel.

Article 5: Procédure de recruter un agent contractuel

L'institution publique qui requiert l'agent contractuel et qui a une autorisation recrute conformément à la procédure prévue par l'Arrêté Présidentiel déterminant les modalités de recrutement, d'affectation et de nomination des agents de l'administration publique.

Ingingo ya 6: Amasezerano y'akazi

Umukandida watsindiye umwanya w'umurimo w'umukozi ugengwa n'amasezerano ntahabwa ibaruwa itanga akazi ahubwo asinyana n'urwego rumuhaye akazi amasezerano y'akazi hakurikijwe Itegeko rigenga umurimo mu Rwanda.

Amasezerano y'akazi mu butegetsi bwa Leta ntagomba kurenza igihe cy'umwaka umwe (1). Kongera ayo masezerano bikorwa mu nyandiko.

Icyakora, hashingiwe ku mpamvu zidasanzwe, Minisiteri ishinzwe Abakozi ba Leta ishobora gutanga uruhushya rutuma igihe cy'amasezerano kirenga umwaka umwe (1).

Ingingo ya 7: Umushahara w'umukozi ugengwa n'amasezerano y'akazi

Umushahara n'ibindi bihabwa umukozi ugengwa n'amasezerano y'akazi mu Butegetsi bwa Leta ugomba kuba ungana n'umushahara n'ibindi bigenerwa umwanya w'umurimo uhoraho bihuje urwego mu Butegetsi bwa Leta.

Iyo nta mwanya w'umurimo bisa mu buryo butaziguye, umushahara n'ibindi bigenwa hakorwa igereranya ry'imyanya.

Icyakora, umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi ugengwa n'amasezerano bishobora kugenwa mu buryo bwihariye igihe umwanya ushakirwa umukozi usaba ubumenyi bwihariye

Article 6:Employment contract

The successful candidate on the position of contractual staff shall not receive an appointment letter but he/she shall sign an employment contract with the recruiting institution in accordance with the Labour Law in Rwanda.

The employment contract in public service shall not exceed a period of one (1) year. The renewal of the contract shall be done in writing.

However, in exceptional circumstances, the Minister responsible for Public Service may give authorization to conclude an employment contract for more than one (1) year.

Article 7: Salary of contractual staff

The salary and other fringe benefits allocated to a contractual staff in Public Service must be equivalent to the salary and other fringe benefits provided for a permanent civil servant on the same level as that of a contractual staff.

If there is no direct same level position, the salary and fringe benefits shall be determined by comparison of job positions.

However, the salary and fringe benefits of contractual staff may be determined in a special way, for positions requiring specialized and rare skills personnel on the labor market. This shall

Article 6 : Contrat de travail

Le candidat retenu au poste d'agent contractuel ne reçoit pas une lettre d'affectation mais il signe un contrat de travail avec l'institution qui recrute suivant la loi portant code du Travail au Rwanda.

Le contrat de travail dans la fonction publique ne doit pas dépasser la période d'une (1) année. Le renouvellement de ce contrat est fait par écrit.

Cependant, pour des raisons exceptionnelles, Le Ministre chargé de la Fonction Publique peut donner l'autorisation de conclure un contrat de travail de plus d'une (1) année.

Article 7 : Salaire d'un agent contractuel

Le salaire et les autres avantages alloués à l'agent contractuel dans la fonction publique doivent être équivalents au salaire et autres avantages attribués au poste du même niveau dans la fonction Publique.

S'il n'y a pas un poste direct du même niveau, le salaire et autres avantages sont déterminés par comparaison des postes d'emploi.

Cependant, le salaire et d'autres avantages d'un agent contractuel peuvent être déterminés de manière spéciale si le poste vacant exige des compétences spécialisées et rares sur le marché

kandi budafitiwe abahanga bahagije ku isoko ry'umurimo, kandi Minisiteri ifite Abakozi ba Leta n'Umurimo mu nshingano zayo ikaba yabitanzeho inama.

be done upon consultation with the Ministry responsible for public service.

du travail. Cette détermination se fait sur avis du Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions.

Ingingo 8: Ivanwaho ry'Ingingo zinyuranye n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Article 8: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby abrogated.

Article 8: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 9: Igihe Iteka ritangira kubahirizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **09/06/2015**

Article 9: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **09/06/2015**

Article 9: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **09/06/2015**

(sé)
UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
UWIZEYE Judith
Minister of Public service and Labour

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/ Attorney General

(sé)
UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux